Umuryango uharanira uburenganzira bw'umugore n'**umwana**"HA**GURUKA- NGO**"

UBURENGANZIRA N'INSHINGANO KU BUTAKA N'AMATEGEKO YEREKEYE UBUTAKA N'UBURYO BWO KUBUHARANIRA MU RWANDA

Aka gatabo kateguwe ku bufatanye bwa, SIDA na RLMUA

Kigali, Gashyantare 2018

IBIRIMO

UBURENGANZIRA N'INSHINGANO KU BUTAKA MU RWANDA N'UBURYO BWO KUBUHARANIRA.....2

IJAMBO RY'IBANZE…….…….4

UMUTWE WA I: INGINGO Z'INGENZI Z'AMATEGEKO ZIFASHISHWA MU GUKEMURA IBIBAZO BY'UBUTAKA….....6

1.1 Ingingo z'ingenzi z'itegeko ry'ubutaka mu Rwanda rya 2013…...….6

1.2 Ubutaka ni iki n'amatsinda yabwo nayahe?.....7

UMUTWE WA 2: IMIKORESHEREZE N'IMICUNGIRE Y'UBUTAKA……..9

2.1: Amahame n'uburenganzira abantu bafite ku butaka……..…….....9

2.2: Inshingano z'abatunze ubutaka……..…….11

2.3 Ibihano biteganijwe n'itegeko ku bantu batubahiriza inshingano zo gufata neza ubutaka……..…….…….15

UMUTWE WA 3: INZEGO ZIFITE URUHARE MU GUKEMURA AMAKIMBIRANE AREBANA N'UBUTAKA…….……27

3.1. Inzego za leta zishinzwe ibibazo by'ubutaka……..……..….27

3.2. Urwego rw'Abunzi n'ibibazo by'ubutaka……..…….……..28

3.3.Urwego rw'inkiko zisanzwe…….……..32

IJAMBO RY'IBANZE

Umuryango Haguruka uharanira uburenganzira bw'umugore n'umwana unejejwe no kubagezaho inyandiko ihinnye kandi isobanura kuburyo bwumvikana kandi bworoshye ibikubiye mu Itegeko nº43/2013 ryo kuwa 16 Kamena 2013, rigenga ubutaka mu Rwanda.

Iyi nyandiko yateguwe nk'imfashanyigisho hagamijwe kongerera Abanyarwanda muri rusange n'abafasha mu by'amategeko by'umwihariko, nabafashamyumvire bagizwe n'inzego z'ibanze, abavuga rikumvikana, n'abandi bafatanyabikorwa ubumenyi n'ubushobozi mu bijyanye n'uburenganzira kubutaka n'inzira banyuramo mu kubuharanira. By'umwihariko hibanzwe kumategeko ateza imbere uburenganzira bw'abagore kubutaka n'akamaro kabwo hagamijwe iterambere rirambye rishingiye kumicungire n'imikoreshereze y'ubutaka, hubahirizwa uburenganzira bwa buri wese.

Muriyo twavuga, Itegeko nº43/2013 ryo kuwa 16 Kamena 2013, rigenga ubutaka mu Rwanda,Itegeko Ngenga nº37/2016/OL ryo kuwa 08/09/2016 rigena Imitunganyirize, Ifasi, Ububasha n'Imikorere bya Komite y'Abunzi, n'Itegeko Ngenga nº03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga.

Iyi mfashanyigisho ikubiyemo ibijyanye n'uburenganzira bw'abantu ku giti cyabo ku butaka, hagaragazwa cyane uburenganzira bw'abagize umuryango, ibyiciro by'ubutaka biteganywa n'Itegeko hakurikijwe imikoreshereze yabwo.

Iragaragaza kandi inzego n'inzira zishobora kwitabazwa kugirango umuntu wavukijwe uburenganzira bwe arenganurwe.

Iyi mfashanyigisho yateguwe n'umuryango HAGURUKA kubufatanye n'Ikigo gishinzwe gutunganya amakarita no kwandikisha ubutaka muri

suwede (Lantmäteriet) hamwe n'Ikigo gishinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda (RLMUA) ku nkunga ya Swedish International Development Cooperation Agency (SIDA) mu rwego rwo gushyira mubikorwa umushinga w'imyaka itanu (2017-2021) ugamije kongera ubumenyi mu bijyanye n'imicungire y'ubutaka.

Umuryango Haguruka urashimira abagize uruhare mu itegurwa ry'iyi mfashanyigisho bose, by'umwihariko umufatanyabikorwa Swedish International Development Cooperation Agency (SIDA) watanze inkunga yo gutegura no gutangaza iyi mfashanyigisho ibinyujije muri Lantmäteriet, hagamijwe guteza imbere uburenganzira bwa buri wese, umugore n'umugabo, ku micungire n'imikoreshereze y'ubutaka n'ibibukomokaho.

Mugire amahoro.

UMUTWE WA I: INGINGO Z'INGENZI Z'AMATEGEKO ZIFASHISHWA MU GUKEMURA IBIBAZO BY'UBUTAKA

1.1 Ingingo z'ingenzi z'itegeko ry'ubutaka mu Rwanda rya 2013

Mu mwaka 2013 Inteko Ishinga Amategeko yatoye Itegeko No.43/2013 rigenga ubutaka risimbura Itegeko Ngenga No.08/2005 ryo kuwa 14 Nyakanga rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda. Itegeko No. 08/2005 ryateganyaga ibintu byinshi bitari muri iri tegeko No. 43/2013, ahubwo iri tegeko rishya riteganya ko ibyo bintu byagengwa n'amateka arishyira mu bikorwa. Itegeko No. 43/2013 rigenga Ubutaka mu Rwanda rigamije kugira uburenganzira ku mutungo, kugabanya ibibazo bishingiye k'ubutaka, guteza imbere isoko ry'ubutaka, korohereza abantu kubona inguzanyo, kuvugurura imikoreshereze y'ubutaka no kuvuguru imicungire y'ubutaka n'iy ibidukikije. Iri tegeko rigena byinshi ariko muri byo twavuga kugena uburyo bwo gutanga ubutaka, kubona ubutaka, guhererekanya ubutaka no gukoresha no gucunga ubutaka. Iri tegeko kandi, rishyiraho amahame yerekeranye n'uburenganzira ku butaka.

1.2 Ubutaka ni iki n'amatsinda yabwo nayahe?

Ubutaka n'ubuso buherereye ahantu hazwi kandi hafite imbago, hakubiyemo ikirere kiri hejuru yabwo, ibiri mu kuzimu kwabwo ndetse n'ibinyabuzima n'ibitari ibinyabuzima, ibyabwubatsweho n'ibyabushyizweho. Mu rwego rw'amategeko ni umutungo utimukanwa ujyana n'uburenganzira ku buso bw' isi kugera mu kirere.

Amatsinda y'ubutaka Mu Rwanda

Itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda ryashyizeho ibyiciro bibiri by'amatsinda y'ubutaka. Hariho ubutaka bwo mu Mujyi n'ubutaka bwo mu cyaro. Hakaba kandi n'ubutaka bw'abantu ku giti cyabo n'ubutaka bwa Leta bugizwe n'umutungo rusange n'ubutaka bwite bwa Leta

Hariho n'itsinda ry'ubutaka bw'Akarere n'ubw'Umujyi. Iri tsinda rikaba ririmo ibyiciro bibiri: ubutaka bw'Akarere, ubw'Umujyi wa Kigali bugize umutungo rusange n'ubutaka bwite bw'Akarere, ubw'Umujyi wa Kigali.

- **Ubutaka bwo mu Mujyi n'ubutaka bwo mu cyaro**

Nk'uko biteganywa n'Itegeko nº43/2013 « ubutaka bwo mu Mujyi ni ubutaka bukubiye mu mbago z'Imijyi zishyirwaho n'Iteka rya Perezida ». Na none kandi Iteka rya Perezida rishobora kugena ubundi butaka bufatwa nk'ubwo mu Mujyi. Uretse ubwo butaka bwagenwe n'Iteka rya Perezida, ubundi bwose ni ubutaka bwo mu cyaro.

- **Ubutaka bw'abantu ku giti cyabo n'ubutaka bwa Leta**

  - **Ubutaka bw'umuntu ku giti cye**

Nk'uko biteganywa n'Itegeko ryavuzwe haruguru, ubutaka bw'umuntu ku giti cye ni:

- Ubutaka atunze yarabuhawe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;
- Ubwo yaguze, yahaweho impano, ingurane, umurage, izungura, n'isaranganya.

Bikaba byumvikana ko uwaba abutunze yarabubonye ku bw'umuco cyangwa se bijyanye n'amategeko yanditse, itegeko risigasira ku buryo bungana uburenganzira bwa buri wese ku butaka butunzwe biciye mu nzira zemewe n'amategeko.

  - **Ubutaka bwa Leta**

Ubu butaka burimo ibyiciro bibiri bikurikira:

Ubugize umutungo rusange wa Leta n'ubutaka bwite bwa Leta. Hakaba hari ubw'Ibigo bya Leta, ubw'inzego z'ibanze, bwaba mu mutungo rusange cyangwa mu mutungo bwite wabyo.

UMUTWE WA 2: IMIKORESHEREZE N'IMICUNGIRE Y'UBUTAKA

2.1: Amahame n'uburenganzira abantu bafite ku butaka

Ihame yuko ubutaka ari umurage rusange risobanura ko ubutaka ari umurage rusange w'imbaga y'Abanyarwanda bose, yaba abakurambere, abariho ubu, n'abazavuka. Ubutaka bugomba gucungwa mu buryo burambye bikozwe mu nyungu z'abanyarwanda bose. Niyo mpamvu: 1) Leta ari yo ifite ububasha bw'ikirenga ku butaka bwose bw'Igihigu, ariko ubwo bubasha ikabukoresha mu nyungu rusange z'Abanyarwanda; 2) Leta ariyo yonyine itanga uburenganzira ku butaka bwo kubutunga no kubukoresha; 3) Leta kandi ikaba ifite ububasha bwo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

Ihame ry'uburenganzira bungana ku butaka ribuza ivangura iryo ari ryo ryose ku butaka kubyerekeranye no kububona n'uburenganzira bwo kubutunga. Zimwe mu ngero zivangura twavuga irishingiye ku gitsina cyangwa inkomoko. Iri tegeko ryemera uburenganzira bungana hagati y'umugabo n'umugore no hagati y'abahungu n'abakobwa mu gutunga ubutaka no kubucunga. Itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda rivuga ku burenganzira bungana kubutaka hagati y'umugabo n'ugore bashyingiranywe imbere y'amategeko bakaba barahisemo uburyo bwo gucunga umutungo wabo. Mu gihe abashyingiranywe bahisemo ivanguramutungo risesuye, umugore akazana ubutaka cyangwa akabugura nyuma yuko bashyingiranywa, ntaburenganzira umugabo abugiraho. Ni kimwe niyo umugabo ariwe wabuzanye cyangwa se wabuguze.

Uburenganzira ku masezerano y'ubukode burambye

Kubera ko ubutaka ari umurage rusange w'Abanyarwanda bose, abakurambere, abariho ubu n'abazavuka, umuntu wese utunze ubutaka afite uburenganzira bwo kubukodesha na Leta igihe kirerekire kugirango abukoreshe. Umuntu agomba kuba yarabubonye ku bw'umuco, cyangwa se yarabuhawe n'urwego rubifitiye ububasha, cyangwa se yarabuguze. Amafaranga y'ubukode burambye yishyurwa Leta. Iri tegeko riteganya ko amasezerano y'ubukode burambye aba ari hagati y'imyaka 3 n'imyaka 99, hatabariwemo ubutaka bwagenewe ubuhinzi buri munsi ya hectare ebyiri, kuko bwo buyasonerwa. Amasezerano y'ubukode ashobora kuvugururwa. Icyakora, nyir'ubutaka ntafite uburenganzira ku mabuye y'agaciro no ku wundi mutungo kamere uri munsi y'ubutaka atunze. Ibiri mu nsi y'ubwo butaka ni ibya Leta. Icyakora, nyir'ubutaka yemerewe mbere y'abandi kugira uburenganzira bwo kubicukura iyo abisabye kandi abishoboye. Leta akaba ariyo yonyine yishingira ko nyir'ubutaka abutunga mu mudendezo, ikaba ari nayo imurinda kubwamburwa ku bw'amaherere, yaba igice cyabwo cyangwa bwose.

Ubutaka bushobora kwatishwa hakurikije ibiteganywa n'itegeko (reba ingingo ya 26) Iyo kwatisha bingana cyangwa birenze imyaka itanu (5) bikorerwa iyandikisha. Iyo kwatisha biteganyirijwe igihe kiri munsi y'imyaka itanu (5), iyandikisha rikorwa ku bushake hakurikirijwe amasezerano hagati ya nyir'ubutaka n'uwatisha. Iyo kwatisha bikozwe n'uhagarariye umwana cyangwa undi muntu udashobora kwihagararira mu rwego rw'amategeko ntigushobora kurenza imyaka itanu (5).

Uburenganzira ku nkondabutaka

Ni uburyo bwo gutunga ubutaka buha nyirabwo uburenganzira bwa burundu kuri bwo, ariko ubwo butaka bugomba kuba butarengeje hegitari

eshanu (**5ha**) keretse mu gihe Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze abitangiye uburenganzira.

Ubu burenganzira bukaba bwemerewe buri Munyarwanda wese ufite ubutaka agamije guturaho, gushyira ho inganda, ubucuruzi, ibikorwa by'imibereho myiza, umuco cyangwa se ibikorwa by'ubumenyi. Inkondabutaka ishobora gusa guhabwa umuryango cyangwa ishyirahamwe ry'abantu barenze umwe iyo 50% bifitwe n'abanyarwanda.[1] Uburenganzira ku nkondabutaka butangwa gusa ku butaka buriho inyubako n'ubuzikikije bwonyine bukenewe kugira ngo ibyo bwagenewe bishobore kuzikorerwaho. (Reba ingingo ya 6, 7 niya 8)

2.2: Inshingano z'abatunze ubutaka

Iyandikisha n'ihererekanya ry'ubutaka

Iyandikisha ry'ubutaka: Umuntu ufite amasezerano y'ubukode bw'ubutaka burambye n'inkondabutaka, afite n'inshingano zo kubwandikisha (reba ingingo ya 8 y'iteka rya ministiri No. 002/2008 ryo

[1] Ibi singombwa ku butaka bwagenewe ahantu hihariye mu bukungu

kuwa 01/04/2008 rigena uko uyandikishwa ry'ubutaka rikorwa). Leta niyo igomba kwandika ubutaka kugira ngo bibe ikimenyetso cy'uburenganzira umuntu abufiteho.

Ubutaka bwandikishwa kwa noteri w'umurenge cyangwa mu biro by'ubutaka by'Akarere ubutaka buherereyemo. Iyo ubutaka bumaze kwandikwa, ba nyirabwo bahabwa icyimenyetso cy'iyandikishwa ry'ubutaka kikaba icyimenyetso cy'uburenganzira babufiteho. Umugore n'umugabo bombi bafite uburenganzira n'inshingano bingana ku bijyanye no kwandikisha ubutaka, amazina yabo agomba kugaragara ku rupapuro rw'iyandikisha. Usibye umugore numugabo, abantu bose bafatanyije umutungo w'ubutaka bagomba kuwandikisha bari kumwe.

Iherererekanya ry'ubutaka: uburenganzira ku butaka bushobora guhererekanywa biciye mu izungura, impano, umurage, umunani, ikodeshwa, igurishwa, iyatisha, ingurane, inshingano yo gutanga inzira ku butaka bw'undi bukomoka ku miterere y'ahantu, gutangwaho ingwate n'ubundi buryo bwose bw'ihererekanya hakurikijwe uburyo bugenwa n'amategeko (reba ingingo ya 21) n'amabwiriza. Iyo uhererekanije uburenganzira ku butaka, uba wigomwe bumwe cyangwa bwose mu burenganzira warufite ku butaka, ukabwegurira undi. Uba ufite rero n'inshingano yo kwandikisha iri hererekanya kwa Noteri w'Umurenge cyangwa mu Biro by'ubutaka by'Akarere. Icyakora, mu ihererekanya ry'ubutaka birabujijwe kugabanyamo ibice ubutaka bugenewe ubuhinzi n'ubworozi mu gihe ibice biva muri uko kugabanya bitanga ibice by'ubutaka bifite munsi ya hekitari imwe buri gice cyagabanijwe (ingingo ya 30). Abatunze ubutaka bubujijwe kugabanywamo ibice babutunga bakanabukoreshereza hamwe mu buryo buteganywa n'amategeko.

Ihererekanya ry'ubutaka rigira agaciro aruko abantu bose banditse ku cyemezo cy'ubutaka babanje kubitangira uburenganzira mu nyandiko ubwo burenganzira bugomba gushyirirwaho umukono n'ibikumwe byabo bantu imbere ya Noteri w'ubutaka.

Inshingano yo gutanga inzira ku butaka bw'uwundi bukomoka ku miterere y'ahantu.

Umuntu wese utunze ubutaka mu buryo buteganywa n'amategeko, afite uburenganzira bwo kubukoresha uko amategeko abiteganya. Icyakora ntawushobora kwitwaza ubu burenganzira ngo:

- Yime abaturanyi be inzira y'amaguru igera mu kwabo mu gihe nta handi bashobora kunyura. Icyakora, ku zindi nzira, bikorwa ku bwumvikane hagati y'impande zombi;
- Abuze amazi y'amasoko atemba ku bwa kamere ngo anyure mu butaka bwe;
- Abuze abandi kuvoma ku iriba riri ku butaka bwe, cyeretse ashoboye kwerekana ko iryo riba ariwe ubwe waryifukuriye.

(Reba ingingo ya 38)

Mu gihe ukodesha ubutaka ku buryo burambye atubahirije inshingano zivuzwe haruguru nizindi zikubiye mu masezerano y'ubukode burambye, umukode ashobora, nta yindi mihango akurikije, guhagarika amasezerano y'ubukode abanje gutanga integuza yanditse y'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi.

Inshingano yo gukoresha neza ubutaka no kububyaza umusaruro: Buri muntu wese utunze ubutaka agomba kubukoresha mu buryo bwongera agaciro kabwo akurikije kamere yabwo n'icyo bwagenewe.

Ikindi kandi, umuntu wese ukoresha ubutaka bw'undi, yaba ashingiye ku masezerano yagiranye na nyirabwo cyangwa se yarabutijwe ku buryo bwemewe n'amategeko, ategetswe kubufata neza no kububyaza umusaruro.

Byitwa gufata neza no bubyazwa umusaruro ubutaka iyo:

- bwatunganyijwe buriho ibihingwa cyangwa inyubako;
- buriho amashyamba ku buryo butangiza ibidukikije,
- ubuhinge bwateguwe guterwamo imyaka,
- ubutaka bumaze gusarurwa ho imyaka bwarajwe mu gihe kitarenze imyaka itatu (3),
- ari inzuri abantu baragira mo amatungo akwiriye haba ku giti cyabo, haba mu mashyirahamwe cyangwa se imiryango itegamiye kuri Leta ifite ubuzima gatozi**.**

(Reba ingo ya 39 niya 40)

Ntibushobora kwitwa ubutaka bufashwe neza kandi bubyajwe umusaruro, iyo:

- Ubutaka butarinzwe isuri;
- Ubutaka bwagenewe guhingwa, butari ho imyaka cyangwa ibindi bihingwa nibura kugeza kuri kimwe cya kabiri (½) cy'ubuso bwabwo;
- Ubutaka bwagenewe urwuri, butaragirwamo amatungo ku buryo bukwiye cyangwa se budatewe ho ubwatsi bw'amatungo kugeza nibura kuri kimwe cya kabiri (½) cy'ubuso bwabwo;

- Ubutaka bwagenewe inyubako izo ari zo zose ariko izo nyubako zikaba zitarubatswe mu gihe giteganyijwe n'amategeko;
- Ubutaka bwagenewe ibikorwa bitagamije inyungu, ariko hagashira imyaka itatu (3) ibyo bikorwa bitararangira.

(Reba ingingo ya 41)

2.3 Ibihano biteganijwe n'itegeko ku bantu batubahiriza inshingano zo gufata neza ubutaka

Ifatira n'iyamburwa ry'ubutaka

Leta ishobora gufatira cyangwa kwisubiza ubutaka byagateganyo mu gihe hari ibimenyetso bigaragaza ko ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi cyangwa amashyamba, bumaze imyaka itatu (3) ikurikirana butabyazwa umusaruro kandi nta mpamvu yumvikana yatanzwe. Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze, afite ububasha bwo gufatira ubwo butaka mu gihe cy'imyaka itatu (3). (reba ingingo ya 52)

Ifatira ry'ubutaka rigomba integuza y'iminsi mirongo ine n'itanu y'akazi ihabwa nyirabwo cyangwa undi ubukoresha. (Reba ingingo ya 53)

Iyo ifatirwa ryemezwe, ubutaka bushobora kuragizwa n'undi muntu ubisabye kandi ugaragaza uko azabubyaza umusaruro.

Mu gihe nyir'ubutaka agaragaje munyandiko mu mwaka wa mbere wifatira ko ashoboye kubukoresha uko bugomba no kububyaza umusaruro.

Igihe cy'ifatira ry'agateganyo rishobora kwiyongera mu gihe nyirabwo atagaragaje ubushake cyangwa ubushobozi bwo kubukoresha uko

bikwiye. Ubutaka bushobora kuragizwa burundu cyangwa kwamburwa nyirabwo iyo nyuma yo kongera igihe cy'ifatira bwakomeje kudakoreshw uko bikwiye. (reba ingingo ya 58)

2.4 Kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange

Leta yonyine niyo ifite ububasha bwo gutegeka kwimura abantu ku mpamvu z'ibikorwa by'inyungu rusange kandi habanje gutangwa indishyi ikwiye ku bimuwe. Bityo, ntawe ugomba kwitwaza inyungu ze bwite ngo abangamire ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

Kwimura abantu bishingirwa ku biteganywa n'Itegeko n° 32/2015 ryo kuwa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange. Nk'uko rero biteganywa n'iri Tegeko **"**igikorwa cy'inyungu rusange n'igikorwa cya Leta, icy'inzego z'ibanze zifite ubuzimagatozi cyangwa icy'ibigo bya Leta kigamije inyungu cyangwa imibereho myiza by'abaturage muri rusange"

Ibikorwa by'inyungu rusange

Haseguriwe ku biteganywa n'Itegeko n° 32/2015 ryo kuwa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, mu bikorwa by'inyungu rusange harimo ibi bikurikira:

- Imihanda n'inzira ya gari ya moshi;
- Imiyoboro y'amazi n'ibigega rusange by'amazi ; imiyoboro itwara amazi yanduye n'aho atunganyirizwa ; imiyoboro y'amazi y'imvura ikorwa ku muhanda ;
- Ingomero z'amazi ;
- Imiyoboro y'amashanyarazi ;
- Imiyoboro ya gazi, peteroli n'ibigega byabyo ;
- Imiyoboro y'itumanaho ;
- Ahatunganyirizwa imyanda ;

- Ibibuga by'indege ;
- Aho bategera ibinyabiziga, gari ya moshi na za moto n'aho babyururukira ;
- Ahantu hakomye hagamijwe kurengera urusobe rw'ibinyabuzima, umuco gakondo n'amateka y'Igihugu ;
- Ibikorwa bigamije umutekano n'ubusugire bw'Igihugu ;
- Ibitaro, ibigo nderabuzima, amavuriro n'izindi nyubako zifitanye isano n'ubuzima rusange ;
- Amashuri, n'izindi nyubako zifitanye isano nazo ;
- Inyubako z'inzego z'ubuyobozi bwa Leta n'ibigo byayo, ibigo mpuzamahanga na za ambasade ;
- Ibibuga n'inyubako bigenewe imikino n'imyidagaduro ;
- Amasoko ;
- Amarimbi ;
- Inzibutso za Jenoside ;
- imirimo yo gushyira mu bikorwa ibishushanyo mbonera by'imitunganyirize y'imikoreshereze y'ubutaka;
- amabuye y'agaciro n'undi mutungo kamere
- N'ibindi.

Inzego zifite ububasha bwo kwimura abantu

Inzego zigaragaza imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange

Nk'uko byasobanuwe haruguru, Leta yonyine ni yo ifite ububasha bwo kwimura abantu. Leta rero ikaba igizwe n'inzego zitandukanye, ariko izishinzwe kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange akaba ari izi zikurikira :

- Komite Nyobozi ku rwego rw'Akarere, iyo imirimo ireba Akarere kamwe ;

- Komite Nyobozi ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, iyo imirimo ireba Akarere karenze kamwe mu mbago z'Umujyi wa Kigali ;
- Minisiteri bireba, iyo imirimo iteganyijwe ireba Uturere turenze kamwe cyangwa iyo ari igikorwa cyo ku rwego rw'Igihugu.

Inzego zigenzura ko imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange yujuje ibyangombwa ni izi zikurikira:

- Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Akarere, iyo ari umushinga ureba Akarere kamwe;
- Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, iyo ari umushinga ureba Uturere turenze kamwe mu mbago z'Umujyi wa Kigali;
- Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Igihugu, iyo ari umushinga ureba Uturere turenze kamwe cyangwa umushinga wo ku rwego rw'Igihugu, haseguriwe ibivugwa mu gace ka 2° k'iyi ngingo ;

Kwemeza ko abantu bimurwa kubera igikorwa cy'inyungu rusange bikorwa:

- ku rwego rw' Akarere, ni Inama Njyanama y'Akarere ishingiye ku nama ya Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Akarere;
- ku rwego rw' Umujyi wa Kigali, iyo ari umushinga ureba Uturere turenze kamwe mu mbago z'Umujyi wa Kigali, ni

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ishingiye ku nama ya Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Umujyi wa Kigali;

- ku rwego rw'Uturere turenze kamwe, ni Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano zayo, ishingiye ku nama ya Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Igihugu, haseguriwe ibivugwa mu gace ka 2 k'iyi ngingo. Hakoreshwa Iteka rya Minisitiri;
- ku rwego rw'Igihugu, ku bikorwa bigamije umutekano n'ubusugire bw'Igihugu, ni Serivise za Minisitiri w'Intebe hashingiwe ku nama ya Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ku rwego rw'Igihugu hakoreshejwe Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Imihango ikurikizwa

Hagomba kuba hari inyandiko isaba kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange igaragaza ibikurikira:

- imiterere y'umushinga;
- ikigaragaza ko umushinga ugamije inyungu rusange;
- igishushanyo mbonera cy'ubutaka umushinga uzakorerwaho;
- inyandiko igaragaza ko umushinga utabangamiye ibidukikije;
- inyandiko ihamya ko amafaranga y'indishyi ikwiye ahari;
- isobanurampamvu rigaragaza ko ubwo butaka cyangwa aho hantu ari ho habereye uwo mushinga;
- inyandikomvugo igaragaza ko abaturage bireba basobanuriwe iby'uwo mushinga n'akamaro kawo;
- inyigo igaragaza ingaruka ku mibereho y'abimurwa.

Icyakora, igishushanyo mbonera kivugwa haruguru kigomba kugaragaramo ibikurikira:

- Igishushanyo cyangwa amakarita yerekana imbago z'ubutaka iyo mirimo izakorerwaho;
- Imiterere y'ibintu biri kuri ubwo butaka;
- Urutonde rugaragaza abafite uburenganzira kuri ubwo butaka;
- Urutonde rw'abafite uburenganzira ku bikorwa biri kuri ubwo butaka.

Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange bireba, bitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma yo kugezwaho ubusabe, isuzuma ishingiro ry'uwo mushinga kandi igakorana inama nyunguranabitekerezo n'abaturage b'aho ubutaka buherereye ku bijyanye n'ishingiro ry'umushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange. Komite ibamenyesha itariki isaha naho izabera. Abagize Komite bose biyitabiriye inama nyungurana bitekerezo bashyira umukono ku nyandikomvugo .

Uburenganzira bw'abimurwa n'ubw'abimura ku mpamvu z'imirimo y'inyungu rusange

Uwimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange agomba kubimenyeshwa cyane cyane igihe cy'ipima n'ibarura ry'ubutaka bwe n'ibikorwa bye biriho. Igihe cy'ipima nyir'ubutaka akaba agomba kuba ahari cyangwa se umuhagarariye ndetse n'ubuyobozi buhari.

Nyir'ubutaka agomba kugaragariza abaje gupima ubutaka bwagenewe gukorerwaho ibikorwa by'inyungu rusange ibyemezo by'uko ubutaka bupimwa ari ubwe; agomba kugaragaza ibyangombwa by'ubutaka n'ibimenyetso bihamya ko ibyabukoreweho ari ibye. Agaragaza

kandi icyemezo cy'irangamimerere n'icyemezo kigaragaza uburyo bahisemo bw'icungamutungo iyo bashyingiranywe. Ibi bikorwa kugira ngo uburenganzira bwuwo bashyingiranywe bwubahirizwe.

Icyitonderwa: Uwambuwe ubutaka, uwituje cyangwa uwakoreye ibikorwa ku butaka bubujijwe gukorerwaho ibyo bikorwa nyuma y'ukoamategeko abigenga ajyaho, nta ndishyi ahabwa.

Guha agaciro ubutaka n'ibyabukoreweho no gutanga indishyi ikwiye

Nyuma y'ipima ry'ubutaka n'ibyabubaruweho bigahabwa agaciro hakurikijwe ingano y'ubutaka n'ibikorwa biburiho, hakurikiraho gutanga agaciro k'ubutaka n'ibyabubaruweho nk'ibihingwa, amashyamba, inyubako izo ari zo zose; bityo mu gutanga agaciro bigashingira ku biciro biri ku isoko.

Hamaze kugenwa agaciro k'ubutaka n'ibikorwa byari biburiho, Komisiyo ishinzwe iby'ubutaka igomba kuba yishyuye nyir'ubutaka mu gihe kitarenze iminsi ijana na makumyabiri (**120 jours**) uhereye igihe iyo ndishyi ikwiye yemerejweho.

Mu iyishyurwa, amafaranga yemejwe acishwa kuri konti nyir'ubutaka yatanze; yaba yarashatse byemewe n'amategeko, ayo mafaranga agacishwa ***kuri konti ihuriweho n'umugabo n'umugore.***

Icyitonderwa: Uwimurwa afite uburenganzira bwo kujuririra icyemezo cyafashwe na Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange Komite y'ubutaka ku rwego rwisumbuyeho mu minsi mirongo itatu (30) nyuma y'aho amenyeshejwe icyemezo cyo kwimurwa ku nyungu rusange.

Iyo ibyo binaniranye kubona igisubizo, uwafatiwe icyemezo cyo kwimurwa abiregera urukiko rubifitiye ububasha, mu birego by'imanza z'ubutegetsi. Ni ukuvuga Urukiko Rwisumbuye mu birego by'Ubutegetsi ku cyemezo cyafashwe na Komisiyo y'Akarere y'ubutaka cyangwa se Urukiko Rukuru iyo icyemezo cyafashwe na Komisiyo y'Umujyi wa Kigali cyangwa na Komisiyo y'Igihugu y'Ubutaka.

Umurage w'ubutaka n'Itegeko N°27/2016 ryo ku wa 08/07/2016. Rigenga Imicungire y'Umutungo w'Abashyingiranywe, Impano n'Izungura

Mu itegeko No. 43/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda ni Itegeko No.27/2016 ryo kuwa 2016 Rigenga Imicungire y'Umutungo w'Abashyingiranywe, Impano n'Izungura havugwa ihame ry'uburinganire hagati y'umugabo n'umugore ntavangura iryo ariryo ryose ryaba irishingiye ku gitsina, cyangwa ku nkomoko kubyerekeranye nubutaka rirabujijwe.

Mu rwego rwo kurengera inyungu z'umuryango, ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka rikozwe n'uhagarariye umuryango kugira ngo rigire agaciro ni ngombwa ko ribanza kwemerwa n'abanditse bose ku mpapuro mpamo z'ubwo butaka.

Iri hame rigamije gushimangira uburenganzira bw'umugore ku butaka nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu mu ngingo zaryo za 11 na 16.

Uburyo butatu buteganywa n'itegeko rigena imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Ivangamutungo rusange ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bakumvikana gushyira hamwe umutungo wabo wose. Abashyingiranywe bahisemo ivangamutungo rusange bacungira hamwe umutungo wabo, kandi bakagira ububasha bungana bwo kuwukurikirana no kuwuhagararira. Abahisemo ubu buryo baba bahisemo no kwishyura ama deni bafashe mbere na nyuma yuko bashyingiranywa mu mutungo rusange.

Abashyingiranywe **bavanze umutungo w'umuhahano** bawucunga mu buryo bumvikanyeho bombi ku munsi wo gushyingirwa, bafite kandi uburenganzira bungana bwo gukurikirana no guhagararira uwo mutungo bazahaha cyangwa bahasye basangiye. Umutungo buri wese yahashye mbere yo gushyingirwa, akomeza kuwucunga ku giti cye. Imyenda n'inguzanyo byafashwe kubera inyungu z'umuryango byishyurwa mu mutungo rusange. Iyo umutungo rusange inyishyu itavamo, abashyingiranywe bafata ku mutungo wabo bwite ku buryo bungana. Imyenda n'inguzanyo byafashwe n'umuntu ku nyungu ze, byishyurwa mu mutungo we bwite n'ukuvuga umutungo yarafite mbere yishyingirwa. Icyakora, iyo mu gihe cyo kuwufata habayeho ubufatanye, uwo mwenda wishyurwa ku mutungo rusange.

Ivanguramutungo risesuye ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bakumvikana gufatanya gutunga urugo rwabo hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, kandi buri wese akagumana uburenganzira bwo gucunga, kwikenuza, gutanga no kugurisha umutungo we bwite. Bivuga ko umutungo buri wese afite mbere na nyuma yishyingirwa ubarira mu mutungo we bwite.

Ninde ufite uburenganzira bwo kuzungura?

Ubutaka bushobora guhererekanywa mu buryo bwumurage mugihe nyirabwo yapfuye akoze irage. Iyo uwapfuye atakoze irage ubutaka buhabwa uwapfakaye bashyingiranywe. Iyo uwo bashyingiranye atakiriho, hakurikizwa urutonde rw'abazungura uko bakurikirana:

1) abana b'uwapfuye;

2) se na nyina b'uwapfuye;

3) abavandimwe b'uwapfuye basangiye ababyeyi bombi;

4) abavandimwe b'uwapfuye basangiye umubyeyi umwe;

5) ba sekuru na nyirakuru b'uwapfuye;

6) ba se wabo, ba nyirasenge, ba nyirarume na ba nyina wabo b'uwapfuye.

Mugihe abashyingiranywe bapfuye badasize umwana kandi barasezeranye ivangamutungo rusange, umutungo wabo ugabanywamo kabiri igice kimwe cyikazungurwa nabazungura bumugabo ikindi abumugore.

Ni iki itegeko riteganyiriza abana?

Abana amategeko mbonezamubano yemera ko ari ab'uwapfuye bazungura imitungo ye harimo nuw'ubutaka ku buryo bungana nta vangura hagati y'umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa (ingingoya54).

Kubana bavutse kuri umwe mu bashyingiranywe bapfuye iyoyasize amwemeye cyangwa ubifitemo inyungu agatanga ikirego gisaba kwemeza ko uwo mwana ari uwa runaka wapfuye bityo bikemezwa ko aruwe, ajya mu rutonde rw'abazungura. Mugihe hari umwana wagizwe umwana n'umubyeyi utaramubyaye, azungura kuburyo bungana n'abana be bwite. Icyakora, iyo uwo mwana yagizwe umwana n'umubyeyi umwe mubashyingiranye ntabwo yazungura umutungo yutaramugize umwana. Iyo uwagizwe umwana apfuye adasize umwana, umutungo yahawe n'uwamugize umwana ugaruka mu muryango w'uwamugize umwana.

Irage ni iki?

Irage n'igikorwa kigaragaza iherezo ry'umutungo mu gihe nyirawo yapfuye. Irage rishobora gukorwa mu nyandiko mpamo(na noteri cyangwa umwanditsi w'irangamimerere w'Umurenge) cyangwa mu nyandiko bwite yandikishijwe intoki hariho nibura abatangabuhamya babiri. Iri rage rigomba kuba ririho italiki n'umukono w'uraga n'uw'abatangabuhamya.

Impano ni iki?

Impano n'igikorwa cyo guha undi muntu umutungo nta kiguzi mu gihe bombi ari bazima. Iyo umutungo usangiwe, ntawe ugomba kuwutanga atabyumvikanyeho na mugenziwe kandi akabyemera mu nyandiko. Iyo impano itanzwe mu rwego rw'umuryango nu kuvuga hagati yabashyingiranywe ubwabo, hagati yabashyingiranywe n'undi muntu no hagati y'ababyeyi n'abana babo. Itangwa ryimpano hagati y'ababyeyi n'abana rikorwa ntavangura rishingiye ku gitsina. Itegeko rigena gutanga 1/5 cy'umutungo wose mu gihe utanga impano afite abana. Mu gihe nta bana afite yemerewe gutanga ibitarenze 1/3 cy'umutungo we wose. 2/3 bizigamirwa mu bizungurwa byuwo bashyingiranywe.

Amoko y'impano nayahe?

- Impano zitanzwe hagati y'abakiriho: n'amasezerano y'ubugiraneza atuma umuntu aha undi mu mutungo we ku buryo budasubirwaho kandi uhawe akabyemera.

- Indagano ni impano itangwa mu buryo bw'irage nyir'ukuyihabwa akayegukana ari uko uwayimuhaye apfuye.

Niyihe sano hagati y'Itegeko ry'ubutaka ni tegeko No.59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina?

Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rigamije kurengera aburenganzira bw'ababana nkumugabo n'umugore batarashyingiranywe. Ingingo ya 39 ivuga ko mu gihe umwe ahisemo gushyingirwa hakurikije ihame ry'ubushyingiranywe bw'umugabo umwe n'umugore umwe. Icyo gihe abananaga n'abagabo cyangwa n'abagore benshi, bagabana ku buryo bungana na buri wese mubo babanaga, umutungo bari bafitanye. Ubutaka nabwo bubarirwa muri uwo mutungo. Iyi ngingo niyo yonyine irengera ababana nkabagabo nabagore batarashyingiranye. Abagore babana nabagabo batarashyingiwe nibo bahura nakarengane cyane kuko bigorana kugaragaza uruhare rwabo mu guhaha umutungo harimo uw'ubutaka.

UMUTWE WA 3: INZEGO ZIFITE URUHARE MU GUKEMURA AMAKIMBIRANE AREBANA N'UBUTAKA

3.1. Inzego za leta zishinzwe ibibazo by'ubutaka

Leta ifite inzego zitandukanye zishinzwe gukemura ibibazo by'ubutaka. Hari izishinzwe iyandikishwa ry'ubutaka, ibyemezo by'ubutaka, gufatira ubutaka nibindi byemezo bifatwa na Leta. Zimwe murizo nzego nizi zikurikira:

- Ministeri y'umutungo kamere
- Ishami ry'ubutaka no gutunganya amakarita mu kigo cy'igihugu gishinzwe umutungo kamere mu Rwanda (RNRA)

- Ibiro by'ubutaka ku rwego rw'Akarere
- Urwego rw'umvunyi
- Comisiyo z'ubutaka
- Ministeri y'ubutabera
- Ministeri y'ubuhinzi
- Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa muntu
- Ikigo cyigihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije (REMA)

Impande bireba zishobora no gushyikiriza ibibazo abayobozi b'inzego zubuyobozi nk'abanyamabanga nshingwabikorwa butugari n'imirenge, n'ubwo izi nzego zidategetswe n'itegeko kubigenza gutyo. Iyo izi nzego zidashoboye gukemura ibyo bibazo bishobora gushyikirizwa Abunzi ku rwego rw'Akagari.

Kujurira ibyemezo by'ubutegetsi

Ibyemezo byerekeye ubutaka bifashwe n'urwego rwa Leta bijuririrwa Ministeri ifite ubutaka mu nshingano zayo. Ibyafashwe na ministeri ifite ubutaka mu shingano zayo bijuririrwa inkiko zibifitiye ububasha. Ubujurire bukurikiza inzira zisanzwe ziteganywa nitegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza mbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'imirimo n'iz'ubuyobozi.

3.2. Urwego rw'Abunzi n'ibibazo by'ubutaka

Abagize Komite y'Abunzi ni abaturage b'inyangamugayo batorwa n'Inama Njyanama y'Akagari cyangwa y'Umurenge, bitewe n'urwego barimo, kubera ubushishozi babaziho cyane cyane bagiye bagaragarwaho

kugira uruhare mu gukemura amakimbirane hagati y'abaturage. Ijambo *abunz*i rituruka ku nshinga *kunga* bisobanura "guhuza impande zitavuga rumwe" Amatora y'Abunzi ategurwa, agakoreshwa kandi akayoborwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Abantu batagomba gutorwa nk'Abunzi n'abantu batari Abayobozi b'ikirenga, abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, abakozi mu nzego z'ubutabera, abari mu nzego z'umutekano, abakozi bo mu nzego z'ibanze n'abandi amategeko yihariye atabyemerera.

Abunzi bashyizweho mu mwaka wa 2004 mu Rwanda ubwo habaga ivugurura ry'ubutabera. Leta yatekereje uburyo ibibazo abaturage bakunze kujyana mu nkiko byagabanuka kandi bikabonerwa umuti. Gushyiraho urwego rw'Abunzi nanone bwaruburyo bwo kwegereza abaturage ubutabera no kububona bitabahenze batabanje kugana inkiko. Ugereranije n'inkiko zisanzwe Abunzi ntabwo bahenze, biroroshye kubabona, ntibatindana imanza, uburyo bacamo imanza burumwe wese arugiramo uruhare kandi barunga.

Itegeko rigenga Abunzi rikaba ryaragiye rivugururwa kugira ngo rinozwe. Ubu ivugururwa riheruka akaba ari iryo muri 2016. Bimwe mu bibazo Abunzi bafiteho ububasha hakaba harimo amakimbirane arebana n'ubutaka n'izungura n'ibindi byashyizwe mu bubasha bw'Abunzi bitewe n'agaciro kabyo.

Urwego rw'Abunzi rukaba rwaratangiriye ku rwego rw'Akagari ruburanisha ibibazo byo mu Kagari kamwe n'ababuranyi bari mu Kagari kamwe. Ubu urwego rw'Abunzi rukaba rumaze kugezwa ku rwego rw'Umurenge rufite ububasha bwo kunga ibirego by'ubujurire bivuye mu Bunzi bo ku rwego rw'Akagari.

Ubwoko bw'ibibazo byakirwa n'abunzi

Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari ifite ububasha bwo gusuzuma ibibazo byose by'imbonezamubano byerekeranye n'ibi bikurikira:

1º umutungo wimukanwa n'utimukanwa n'izungura kuri iyo mitungo mu gihe agaciro kabyo katarengeje miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000 Frw);

2º kutubahiriza amasezerano yakozwe hagati y'abantu ku giti cyabo, iyo agaciro kayo katarengeje miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000Frw);

3º ibibazo by'umuryango uretse mu gihe igisabwa ari ugufata icyemezo ku irangamimerere y'abantu.

Iyo umutungo w'ubutaka wambukiranya imbibi z'amafasi menshi ya Komite z'Abunzi, Komite y'Abunzi ifite ububasha igenwa mu buryo bukurikira:

1º Komite y'Abunzi yo mu ifasi irimo igice cy'ubutaka kandi ituyemo abafitanye ikibazo bombi ni yo ifite ububasha bwo gukemura ikibazo;

2º iyo abafitanye ikibazo badatuye mu ifasi imwe, Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo kugikemura ni iyo mu ifasi y'aho igice cy'ubutaka kiri, kandi ituwemo n'umwe muri bo;

3º iyo abafitanye ikibazo bombi badatuye mu ifasi irimo umutungo w'ubutaka, Komite y'Abunzi yo mu ifasi y'aho igice kinini cy'ubutaka kiri ni yo ifite ububasha bwo gukemura ikibazo.

Ibirego bijyanye n'amakimbirane ku butaka Abunzi badashobora kwakira

Ibibazo byose birengeje agaciro kamaze kuvugwa haruguru ntibyakirwa na Komite y'Abunzi, iyo babishyikirijwe babikorera raporo ko birenze ububasha bwabo bigashyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha.

Uburyo ikirego gitangwa

Ku birego bishyikirizwa Abunzi, bishobora gutangwa mu mvugo ariko umwanditsi w'Abunzi, ariwe Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari cyangwa se w'Umurenge akabyandika mu gitabo cy'ibirego. Ibirego bigashyikirizwa Komite y'Abunzi 7, izavamo Abunzi batatu bazasuzuma ikirego ndetse bakaba aribo bazakiburanisha babafasha kwiyunga.

Urwego rw'Abunzi rwakira ibibazo by'abaturage bitewe n'aho ikibazo gihereye ariko hanakurikijwe Itegeko ribigenga. Bisobanuye ko Abunzi bo mu Kagari kamwe bakira ibirego by'ababuranyi babarizwa muri ako Kagari gusa, cyangwa se mu Murenge umwe mu gihe ari ubujurire.

Abunzi ku rwego rw'akagari

Abunzi ku rwego rw'Akagari bakira ibibazo byerekeranye n'ibibazo by'ubutaka bihereye mu Kagari kamwe kandi n'abafitanye ikibazo batuye cyangwa se baba muri ako Kagari. Byumvikana ko mu gihe umwe mubafitanye ikibazo cy'ubutaka badatuye mu Kagari kamwe, ikibazo cyabo ntigisuzumwa n'Abunzi bo mu Kagari ikiburanwa kibarizwamo.

Itegeko riteganya ko bene iki kibazo gishyirikirizwa urukiko rubifitiye ububasha; ni ukuvuga Urukiko rw'Ibanze rw'aho ikiburanwa giherereye.

Abunzi bo ku rwego rw'umurenge

Iyo ikibazo cyashyikirijwe Abunzi bo ku rwego rw'Akagari kigafatwaho umwanzuro, umwe mu baburanyi ntawishimire, ashobora kujuririra Abunzi bo ku rwego rw'Umurenge babarizwamo. Bivuze ko Abunzi b'Umurenge bakira ibibazo by'ubutaka byashyikirijwe Abunzi bo mu Tugari tugize uwo Murenge, ariko ku rwego rw'Ubujurire gusa.

3.3.Urwego rw'inkiko zisanzwe

Urukiko rw'ibanze

Inkiko z'ibanze ziregerwa ibibazo by'ubutaka bitashoboye gukiranuka ku nzego z'Abunzi bo mu Tugari n'Imirenge byo mu ifasi Urukiko rw'Ibanze rubarizwamo. Ibi bibazo bishyikirijwe uru rukiko bisuzumwa bwa nyuma. Bivuze ko nta rundi rukiko byajuririrwamo mu nzira zisanzwe zo kujurira keretse gusa mu gihe habaye nko gusubirishamo uru rubanza ingingo nshya nk'uko biteganywa n'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

By'umwihariko, iyo ikiburanwa kiri mu Kagari runaka ababuranyi bombi batabarizwamo, ufite ikibazo agomba kubanza kujya mu Kagari ikiburanwa kirimo agasaba ko Ubuyobozi bw'Akagari bubanza kwemeza ko urega cyangwa se uregwa atabarizwa mu Kagari ikiburanwa kirimo. Iyo raporo akazayigaragariza urukiko hamwe n'imyanzuro y'ikirego cye.

Uko bigenda mu gihe mu rubanza rwaciwe bwa nyuma ku by'ubutaka habayemo akarengane

By'umwihariko, hagiyeho indi nzira yo kujurira urubanza yitwa « **Gusubirishamo ku mpamvu y'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma** » nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga nº03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga mu ngingo zaryo za 78 kugeza kuri 85.

Icyitonderwa

Iri subirishamo rikorerwa mu Rukiko rw'Ikirenga kubera iriya mpamvu gusa y'akarengane nyuma y'uko Urwego rw'Umuvunyi rumaze kwemeza ko mu cyemezo cy'urukiko cya nyuma gisabirwa gusubirishwamo habayemo akarengane. Urwego rw'Umuvunyi rugomba kuba rwagaragaje muri raporo yarwo, ku kibazo rwashyikirijwe n'uwarenganijwe, ko urubanza rwe rwabaye mo akarengane.

Bityo, Urwego rw'Umuvunyi rugasaba ko Urukiko rw'Ikirenga rwasuzuma ako karengane, rwabona gafite ishingiro, rugategeka ko ikirego gishyikirizwa urukiko rugenwa n'Urukiko rw'Ikirenga kuri iki kirego cy'akarengane.

Inzego zirebwa no gukemura ibibazo byubutaka